**RUPUBULIKA Y' U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW' IGIHUGU**

# ITANGAZO KU MIKORESHEREZE Y'IBYICIRO BY'UBUDEHE BIVUGURUYE

Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) iramenyesha abaturarwanda bose n'abandi bafatanyabikorwa batandukanye ko Ibyiciro by'Ubudehe bivuguruye bidashingirwaho mu gutanga serivisi cyangwa ubufasha ubwo aribwo bwose ku baturage ahubwo ko bikoreshwa gusa mu igenamigambi n'ubushakashatsi ku mibereho y'abaturage; nkuko byemejwe n'Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 11 Ugushyingo 2022.

Kubera iyo mpamvu, inzego za Leta, abikorera n'abandi bafatanyabikorwa bifuza gutoranya abaturage ngo bafashwe muri gahunda zitandukanye z'imibereho myiza, imiyoborere myiza, ubutabera, ubukungu barasabwa gushyiraho ibigenderwaho mu gutoranya abafashwa (targeting criteria) hadashingiwe ku byiciro by'Ubudehe kandi MINALOC yiteguye kubafasha.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ubufasha birebana n'imikoreshereze y'ibyiciro by'Ubudehe, mwagana Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ku kicaro cyayo, muhamagara ku murongo wa telephone utishyurwa **5353** cyangwa mukohereza email kuri info@minaloc.gov.rw .

Bikorewe i Kigali, kuwa 02/08/2023

MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU

**INGABIRE Assumpta**

**Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage**